

REPUBLIKA Y'U RWANDA



**IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE
IBARURISHAMIBARE MU RWANDA**

MINISITERI Y'UBUHINZI N'UBWOROZI

**IBARURA RY'UBUHINZI N'UBWOROZI RIKORWA BURI GIHEMBWE
(SAS-2013/2014)**

Screening Questionnaire (BIG FARMER)

Igihembe cy'ihinga:

1. Amakuru rusange

- 1.1 Amazina ya Big Farmer:
- 1.2 Intara: / |_|
- 1.3 Akarere: / |_|
- 1.4 Umurenge:
- 1.5 Akagari:
- 1.6 Umudugudu:
- 1.7 ID ya Big Farmer: |_|_|_|_|
- 1.8 Icyiciro cya Big Farmer: |_| (*Koresha ibirango biri kuri pajji ya nyuma*)
- 1.9 Uyu Big Farmer afite imirima muri segment? |_| (1= yego 2=Oya)
- 1.10 Telefone ya Big Farmer : |_|_|_|_|_|_|_|_|_|_|_|_|_|
- 1.11 Telefone ya Farm Manager: |_|_|_|_|_|_|_|_|_|_|_|_|
- 1.12 Itariki urutonde rwuzurijweho: |_|_|_|_|_|_|_|_|_|_|
- 1.13 Amazina ya Enumerators:
.....
- 1.14 Amazina ya Team Leader:
- 1.15 Umukono wa Team Leader:
- 1.16 Amazina y'ubyinjije muri mudasobwa:

Tanga umwirondoro wawe igihe ugeze imbere ya Big Farmer. Vuga mu magambo yawe ushingiye ku magambo akurikira: "Ndi umukozi w'ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare, agashami gashinzwe ibarura ry'ubuhinzi n'ubworozi. Muri iri barura abahinzi barasabwa gutanga amakuru ku biningwa babinze mu mwaka w'2013/2014. Intego y'iri barura ni ukubona amakuru y'ubuso bw'ibiningwa babinze mu Rwanda muri iki gihembwe cy'ihinga. Amakuru atangwa n'umuhinzi/mworozi abikwa mu ibanga".

Ibirango by'ibihingwa: 1- Ibigori , 2- Umuceri , 3- Amasaka , 4- Ingano , 5- Ibindi binyampeke , 6- Ibishyimbo bigufi , 7- Ibishyimbo by'imishingiriro , 8- Amashaza , 9- Ibindi binyamisogwe, 10- Imyumbati, 11- Ibirayi , 12- Ibijumba, 13- Amateke & Ibikoro , 14- Inyanya , 15- Amashu , 16- shufureri , 17- Ibitunguru , 18- Karoti, 19- Intoryi , 20- Izindi mboga, 21- Ibitoki by'imeke, 23- Ibitoki byengwamo inzoga, 24- Inanasi, 25- Avoka , 26- Maracuja , 27- Izindi mbuto , 28- Soya , 29- Ubunyobwa , 30- Ibihwagari , 31- Izindi mbuto nyamavuata , 32- Ikawa , 33- Ibireti , 34- Ibindi bihingwa , 35- Ibibiringanya, 36- Puwavuro, 37- Urusenda(Pilipili & Kamurari) , 38- Dodo(Imbwija, inyabutongo) 39- Sereri , 40-Epinari &Spinachi , 41- Inkori, 42- Beterave, 43- Tungurusumu , 44- Isogi, 45- Puwaro, 46- Imiteja , 47-Leti, 48- Brokoli, 49-Urubingo, 50- Ibisheke, 51-Ubwatsi bwamatungo 52-Macadamiya 53- Imizeti/olivier , 54- Imyembe, 55- Pome, 56- Ipapayi, 57- Ibinyomoro, 58- Amacunga, 59- Indimu, 60- Amapera, 61-Ibobere, 62- Mukuna , 63- Lesena, 64- Desimodiyumu, 65- Uburot, 66- Siteviya, 67- Jatrofa, 68- Ibindi binyabijumba, 69- Ibihaza/Amadegede/Imyungu, 70- Kokombre.

Ibirango by'ikoreshwa ry'ubutaka: **96-** Ubutaka buhingwa; **97-** Urwuri; **98-** Ubutaka buraje; **99-** Ubutaka budahingwa

Ibirango by'ibikorwa byo kurwanya isuri: **1-** Imiringoti; **2-** Ibiti/Imirongo y'uduti; **3-** Amaterasi y'indinganire; **4-** Amaterasi yikora; **5-** Ibyatsi; **6-** Imiyoboro y' amazi; **7-** Gusasira; **8-** Imitabo/Amayugi/Amabimba; **9-**Ibindi (bivuge)

Ibirango by'ubwoko bw'ubutaka budahingwa: **1-** Inyubako; **2-** Umuhanda & inzira; **3-** Ishyamba &bihuru; **4-** Ubutaka bw'agasi; **5-** Amazi **6-** Ibindi

Ibirango by'ubwigazne n'ubucucike: **1-** ≤ 10%; **2-** 11% to 20%; **3-** 21% to 30%; **4-** 31% to 40%; **5-** 41% to 50%; **6-** 51% to 60%; **7-** 61% to 70%; **8-** 71% to 80%; **9-** 81% to 90%; **10-** 91% to 100%; **11-** above 100%

Ibihingwa byerera igihembwe bisarurirwa rimwe	01- Ibigori, 02- Umuceri, 03- Amasaka, 04- Ingano, 06- Ibishyimbo bigufi, 07- Ibishyimbo by'imishingiriro, 08- Amashaza, 11- Ibirayi, 12- Ibijumba, 14- Inyanya, 15- Amashu, 16- Shufureri, 17- Ibitunguru, 18- Karoti, 28- Soya, 29- Ubunyobwa, 30- Ibihwagari, 36- Green pepper, 39- sereri, 40- epinari, 41- Inkori, 42- Beterave 43- Tungurusumu, 45- Puwaro, 46- Imiteja, 47- Leti, 48- Brokoli, 62- Mucuna, 64- Desimodiyumu, 65- Uburo, 70- Kokembre
Ibihingwa bisarurwa inshuro irenze imwe mu mwaka	13- Amateke & Ibikoro, 19- Intoryi, 26- Marakuja, 33- Ibireti, 35- Ibibiringanya, 37- Urusenda, 38- Amaranths, 44- Isogi, 49- Urubingo, 69- Ibihaza
Ibihingwa bitinda mu murima	10- Imyumbati, 21- Ibitoki bitekwa, 22- ibitoki by'imeke, 23- ibitoki byengwamo inzoga 24- Inanasi, 25- Avoka, 32- Ikawa, 50- Ibisheke, 52- Macadamiya, 53- Imizeti/olivier, 54- Imyembe, 55- Pome, 56- Ipapayi, 57- Ibinyomoro, 58- Amacunga, 59- Indimu, 60- Amapera, 61- Ibobere, 63- Lesena, 66- Siteviya, 67- Jatrofa
Ubwatsi bw'amatungo (51)	Urubingo, Mukuna, Lesena, Desimodiyuma, Ibigori byahingiwe kugaburirwa amatungo.....

2. Amakuru ku murima

Ibyiciro bya big farmers

I. Big farmer w'umuhinzi

- ❖ **Icyiciro cya A : Big farmer uhinga igihingwa kimwe:** Ni big farmer, watoranyijwe nk'umuhinzi, ufite ubuso buhinzeho igihingwa kimwe cyangwa ibihingwa bivanze ku buryo bumwe (mixed cropping). Ubwo buhinzi bushobora kuba buri mu murima umwe cyangwa myinshi itandukanye. Mu gihe imirima ya big farmer irenze umwe, imirima itatu y'ingenzi igomba kuba yujuje nibura hegitari icumi (≥ 10 ha) kandi buri murima muri iyo ufite hegitari imwe nibura (≥ 1 ha). Nyuma yo kubona ko imirima itatu y'ingenzi yujuje hegitari icumi (≥ 10 ha), undi murima wa big farmer upimwa ni ufite hegitari imwe nibura (≥ 1 ha).
- ❖ **Icyiciro cya B : Big farmer uhinga ibihingwa bitandukanye:** Ni big farmer, watoranyijwe nk'umuhinzi, ufite ubuso bunini buhinzeho ibihingwa byinshi mu buryo butandukanye mu murima. Mu gihe imirima irenze umwe, imirima itatu y'ingenzi igomba kuba yujuje nibura hegitari icumi (≥ 10 ha) kandi buri murima ufite hegitari imwe nibura (≥ 1 ha). Nyuma yo kubona ko imirima itatu y'ingenzi yujuje hegitari icumi nibura (≥ 10 ha), undi murima wa big farmer upimwa ni ufite hegitari imwe nibura (≥ 1 ha).

Urugero: Gashoka afite plots enye. Plot ya mbere ifite hegitari umunani (8ha) ihanzemo ibigori, plot ya kabiri ifite hegitari imwe n'igice (1.5ha) ihanzeho amasaka, plot ya gatatu ifite hegitari eshatu (3ha) ihanzemo amasaka n'ibishyimbo, naho plot ya kane ifite are mirongo inani (80A) ihanzemo ibijumba. Gashoka azabazwa amakuru kandi anapimirwe na PDA plot ya mbere, iya kabiri n'iya gatatu, naho iya kane ntizabazwa yewe ntizanapimwa kuko itageza kuri hegitari imwe (<1ha).

Icyitonderwa: Ufatwa nka **Big Farmer w'umuhinzi** mu **gihembwe cy'ihinga** C ni umuhinzi ufite nibura hegitari eshanu (≥ 5 ha) ziri hamwe kandi zihinzeho igihingwa cyangwa ibihingwa by'ighembwe cy'ihinga C.

II. Big Farmer w'umworozzi

- ❖ **Icyiciro cya C : Big farmer wororera mu ifamu:** ni big farmer ufite ubutaka yororeraho nta gikorwa na kimwe cy'ubuhinzi akorera kuri ubwo butaka. Mu gupima ubutaka bwe hazengurukwa imbibi z'ifamu ye hifashishijwe PDA.
Urugero: Umuntu ufite ahantu yororerera hakaba hahinzeho agace gato kamwe cg se twinshi dutandukanye, muri twose nta na kamwe gafite ubuso bugeze kuri hegitari imwe (<1ha), uwo muntu afatwa nka Big farmer w'ubworozzi akajya mu cyiciro ya C.
- ❖ **Icyiciro cya D : Big farmer worora akanahinga:** ni big farmer watoranyijwe kubera ubworozzi (inka, inkoko, inzuki, ingurube...) ariko akaba afite n'ubutaka ahingaho ; aha habarurwa buri murima we ufite nibura hegitari imwe (≥ 1 ha), byumvikane neza ko atari igiteranyo cy'imirima ye yose.
- ❖ **Icyiciro cya E : Big farmer ufite ubutaka buriho ibiraro gusa:** ni big farmer ufite ubutaka buriho ibiraro/ibizu byororerwamo (inka, inkoko, inzuki...) akaba nta n'ubundi butaka afite ahingaho bufite ubuso bugeze hegitari imwe (<1ha). Aha hafatwa waypoint imwe kuri ibyo biraro ari nayo igaragaza aho biherereye.
- ❖ **Icyiciro cya F : Big farmer uhinga akanorora :** Ni Big Farmer watoranyijwe kubera ubuhinzi ariko akaba anorora.
- ❖ **Icyiciro cya G : Big Farmer wujuje ibipimo fatizo mu buhinzi no mu bworozi.**
- ❖ **Icyiciro cya H:** Ni big farmer uzaba atavuzwe mu byiciro byavuzwe haruguru.